Commission Diocésaine
Justice et Paix/Nyundo

KOMISIYO Y'UBUTABERA N'AMAHORO YA DIYOSEZI YA NYUNDO MU NZIRA Y'UBWIYUNGE

Nk'uko Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda ba byifuje bakagira n'urwandiko bohereza abakristu bo mu Rwanda, bifuje y'uko uyu mwaka waba umwaka udasanzwe w'ubwiyunge, Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro ya Diyosezi yacu, nayo ntiyatanzwe irashaka gutanga umusanzu wayo. Ni muri urwo rwego, muri uyu mwaka Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro iteganya ibikorwa binyuranye bikangurira abakristu kurushaho kwiyunga bimika ubworoherane ndetse n'amahoro muri bo. Niyo mpamvu yateguye gahunda yo kujya muri Paruwasi zose za Diyosezi ya Nyundo kugira ngo abakristu bongere kugaruka ku isano yabo, mbere na mbere bakomora ku isano bafitanye n'Imana.

Twibutse yuko dusoza sinodi idasanzwe, Umwepiskopi wacu yadusabye gukomeza imihigo cyane cyane turushaho kubungabunga isano dufitanye n'Imana ndetse n'iyo dufitanye hagati yacu. Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro ya Diyosezi muri uyu mwaka izarushaho gufasha abakristu mu kongera gutekereza ku isano bafitanye hagati yabo mu biganiro-mpaka bizabera hirya no hino. Kuko kwiyunga ni inzira kandi ya buri wese, mbere na mbere kwiyunga umuntu ku giti cye, akiyunga n'Imana, akiyunga na mugenzi we ndetse akaniyunga n'ibidukikije nk'uko mu rwandiko rwandikiwe abakristu byagarutsweho.

Amateka ya muntu agaragaza ubuhemu bwa muntu mu ngeri zose z'ubuzima, niyo mpamvu tugomba gufata akanya ko kwiyunga. Mu bikorwa byatangiye mu kwitegura neza uyu mwaka wose w'ubwiyunge, hari:

- Urwandiko rw'Abepiskopi bacu rwasomwe mu kiliziya hose

- Noveni yakozwe itegura umunsi wo kwibuka abavandimwe bacu bazize jenoside yakorewe abatutsi 1994, uba kuwa gatandatu wa nyuma w'ukwezi kwa kane
- Ibiganiro kuri radiyo Mariya Rwanda muri iyi minsi ya Noveni byatangiraga sa kumi n'ebyiri z'umugoroba
- Ibiganiro-mpaka bizakorwa muri Paruwasi zose za Diyosezi ya Nyundo mu minsi iri imbere, muri « zone pastorale ya Gisenyi » bizatangira tariki ya 8/5/2017 naho muri « zone pastorale ya Kibuye» bizakorwa mu kwezi kwa gatandatu.

Uretse ibyo bikorwa bivuzwe haruguru, Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro guhera mu miryango-remezo isanganywe umuco mwiza wo gufasha abantu bagiranye amakimbirane bakabunga.

Ubwiyunge rero ni buhere :

- **Ku muntu ku gite cye** :Yiyunge n'amatekaye yose kugira ngo adakurizaho gukora ibibi bitari ngombwa. Urugero umuntu yatanga ni nka Yuda, amaze kugambanira Yezu iyo aza kwimenya, akiyunga nawe ubwe ntiyari kwimanika. Kumenya kwiyakira no kwibabarira mubuzima ni ingenzi
- **Ku muntu n'Imana** : Iyo umuntu amaze kwimenya, akabona aho yahemutse hakurikiraho kwemera gusaba imbabazi Imana kuko abayishinja ikibi cyabaye, akayisaba imbabazi yiyemeza kutazabisubira. Nubwo Petero yihakanye Yezu, nti yaheranywe nako gahinda ngo yumve yuko byose byarangiye, ahubwo yibutse ibyo yabwiwe byose maze asuka amarira. We yumvise za mpuhwe z'Imana.
- **Umuntu na mugenzi we** : Iyo izo ntambwe zombi zimaze guterwa biroroha kubasha kwegera mugenzi wawe mu kibazo cyose cyaba gihari. Umwitozo wo gusaba no gutanga imbabazi uroroha cyane. Ubabarira utitaye ku buhemu wagiriwe ndetse ukaba wanatera intambwe ujya gusaba imbabazi uwariwe wese.
- **Umuntu n'ibidukikije** : Ibidukikije dukwiye kubyubaha kandi tukabyubahiriza kuko Imana mu kurema nibyo yahereyeho, irabiduha ngo bitugirire akamaro. Niyo mpamvu dukwiye kongera kubigarukira tukabitunganya neza, ndetse no mubidukikije na muntu na none abizamo.

Rero dushyire ibintu byose mu buryo nkuko twahawe ubutumwa kuri iyi si byo kugenga ibyaremwe byose.

Uretse ibyo byose Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro irakomeza gushishikariza abantu kubana mu mahoro, bavugisha ukuri, barangwa n'ubudahemuka muri byose. Twese nk'abitsamuye duhagurukire ubwiyunge kugira ngo isi yacu tuyihindure. Mu kibazo cy'abanyarwanda cyabaye cya jenoside yakorewe abatutsi 1994, yaba ababigizemo uruhare ni bemere bagarukire Imana, bange icyaha cyabo maze basabe imbabazi abo bahemukiye kugira ngo babavure ibyo bikomere babateje. Abahemukiwe nabo kugira ngo bakire, gutanga imbabazi birabohora kuko umuntu ashobora kugukorera nabi kugira ngo ujye uhora uhangayitse ; icyiza ni ukumwima uwo mwanya, ibyo byose hamwe n'Imana tubabarirane maze twubake u Rwanda rw'abanyarwanda biyunze. Burya kandi Ingengabitekerezo ya jenoside, ntacyo yungura umuntu, nta cyiza namba ayivanamo, ahubwo iramusenya we ubwe, ataretse n'abe.

Duhaguruke, twese hamwe muri uyu mwaka udasanzwe Kiliziya yaduhaye duharanire ubwiyunge mubavandimwe maze uruhare rwanjye nawe rurusheho kugaragara ndetse dufashe buri wese muri twe gufata ingamba zihamye zo kwiyunga hagati yacu maze nitugera imbere y'Imana tuzabashe gusubiza ikibazo cy'icyo twamaze kuri iyi si turimo nk'abagenzi.

TWAHIRWA Jean

Umuhuzabikorwa wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro